JOURNAL OF INDIGENOUS LANGUAGES

Jozac Publishers

Vol. 2, No. 1, 2024
**Website:**http://journals.jozacpublishers.com/jil
***Type of the Paper: (Article Paper)***

# Umumaro w'Ibisigo by'Ubuse: *Indyoheshabirayi* ya Myr Alexis Kagame

**Sosthene Ntibanyurwa**
Centre for Language Enhancement, University of Rwanda / College of Arts and Social Sciences, Rwanda. ntibaso3@gmail.com, https://orcid.org/0009-0006-1246-6133

Correspondence: ntibaso3@gmail.com

**Received:** August 01, 2024; **Accepted:** August 28, 2024; **Published:** November 11, 2024

**Abstract:** Alexis Kagame is a strong pillar of Rwandan literary writers and poets in Rwanda. He wrote many literary works and varied in genres although he seemed to focus on poetry and philosophy. His poems include *Inganji Karinga*, *Isoko y'amajyambere*, *Umulilimbyi wa Nyilibiremwa.* He also compiled others' works, for example *Iyo wiriwe nta rungu* and *Icara nkumare irungu.* Alexis Kagame is the one who developed tangibly a satirical poetry in Rwandan literature. Long time ago, Rwandans had their style of teaching, punishing and advising their descendants through different literary works especially oral literature. They used different techniques such as gestures, body language and language using proverbs, poems and songs, tongue tuisters, and others but orally. The general objective of this paper is to find out the contribution of poems of Alexis Kagame to Rwandan culture in his poem *Indyoheshabirayi.* As far as the methodology is concerned, the study used literary criticism techniques to help the researcher in literary analysis and find out the contribution of *Indyoheshabirayi* to the Rwandan culture. The findings of the study revealed that poems contribute to the improvement of Rwandan culture. The way the pig was considered and how it was called as allegorical meaning with wrong and bad names is the evidence of its contribution to Rwandan culture and how the poet Alexis Kagame has contributed to Rwandan culture. The results of this research showed that the chiefs were cool and full of happiness rather than being angry at the use of satire found in *Indyoheshabirayi*.

**Keywords:** Indyoheshabirayi, Literature, Poetry, Satirical poetry, Rwandan culture

## 1. Intangiriro

### 1.1. Uruhando rw'inyigo

Uyu murimo w'ubushakashatsi urajya mu ruhando rw'imirimo yindi yakozwe n'abashakashatsi batandukanye bavuga ku buvanganzo muri rusange n'ibisigo by'ubuse by'umwihariko. Iyo usomye ibitabo by'ubuvanganzo bwaba ubwo mu Rwanda cyangwa ahandi usanga ibisigo by'ubuse ari bimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda (Munyakazi, 1986). Iyi ngeri kandi ibitse ubukungu ntagereranywa bw'umuco nyarwanda. Iyo ugiye kureba usanga abantu bagerageje gukoraho ubushakashatsi atari benshi cyane ku buryo bigaragara ko hari byinshi bikenewe gukorwaho kugira ngo bimenyekane neza. Ni muri urwo rwego rero kubera ko ibisigo by'ubuse bibumbatiye ibintu byinshi bitabarika biranga umuco nyarwanda bikenewe gushyirwa ahagaragara n'abashakashatsi.

Mu rwego rwo kugira umusanzu dutanga twifuje gukora ubushakashatsi mu kugaragaza akamaro k'ibisigo by'ubuse mu muco nyarwanda. Kubera ko twasanze bigira uruhare runini mu mibanire myiza y'Abanyarwanda no kwerekana imyitwarire ya muntu mu rubumbambaga nyarwanda ari imwe mu nkingi za mwamba mu mibereho y'Abanyarwanda cyane cyane mu rugamba rurerure rw'iterambere. Ibisigo by'ubuse byose ntabwo twabikoraho aka kanya, ahubo twahisemo gukora ku gisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi.

Muri uyu murimo w'ubushakashatsi bushingiye ku busizi n'ubuhanzi, umushakashatsi agamije gusangiza ubunararibonye bwe n'ubumenyi ku bazasoma ubushakashatsi bwe. Ikigamijwe akaba ari ukumenyekanisha abahanzi nyarwanda n'ibihangano byabo hashingiwe ku bumenyi bukubiye muri ibyo bihangano. Uyu murimo rero ukaba ugamije kwerekana uburyo umuhanzi Myr Kagame Alegisi, mu gisigo cy'*Indyoheshabirayi* yakoreshaga amagambo atera ubuse abayobozi bariho mu gihe icyo gisigo cyandikwaga, aho agerageza kubereka ukuntu basebyaga itungo ry'ingurube kandi barakundaga kuyirya. Aha bakaba bagaragaza ishusho nyayo y'itungo ry'ingurube n'uburyo yaryoheraga abatware bo muri ibyo bihe mu gihe kandi bayisebyaga. Mu buryo bwagutse, ubu bushakashatsi buzatuma umushakashatsi yunguka byinshi ku bigendanye n'uburyo bw'imisesengurire y'ibisigo by'ubuse.

### 1.2. Imiterere y'ikibazo

Kubera umwanya ibisigo bifite mu muco, imibereho, imibanire n'indangagaciro by'Abanyarwanda, havutse ubuvanganzo bwihariye buvuga ku bisigo. Muri rusange ibisigo by'ubuse ni ibihangano bikubiyemo ubukungu bwinshi bw'indagagaciro z'umuco nyarwanda. Nyamara iyo ugiye kureba usanga abantu muri rusange n'ubwo bagenda biga ibisigo by'ubuse binyuranye usanga akenshi batumva umumaro wabyo, batazi ibigize ibisigo by'ubuse n'ibikubiyemo. Ibisigo by'ubuse ni ingeri y'ubuvanganzo yo hambere. Nta wamenya neza igihe byaba byaratangiye guhimbwa n'Abanyarwanda. Usanga byaragiye biba uruhererekane mvugo kuva mu ntangiriro kugeza aho abazungu bagereye mu Rwanda bigatangira kwandikwa.

Akenshi rero usanga ibyinshi ari ibyo hambere, ni bike bivuga ku bintu by'ubu. Abenshi usanga byinshi mu bikubiye mu bisigo by'ubuse batabisobanukiwe neza cyane cyane inyunguramagambo dusangamo. Ikindi ibisigo by'ubuse kimwe n'ibindi bisigo bikoresha imvugo izimije cyane ugasanga abenshi batabisobanukiwe. Muri ubu bushakashatsi, twasanze ari inshingano zacu kugaragaza akamaro k'ibisigo by'ubuse. Ni muri urwo rwego turi kugerageza gusesengura igisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi twitaye cyane cyane ku magambo asebya itungo ry'ingurube ndetse n'andi ayitaka nyamara bikaba bitararakaje abatware b'icyo gihe, ari na byo byerekana birambuye ko ari ikirango cy'umuco nyarwanda.

### 1.3. Ibibazo by'ubushakashatsi

**a)** Ese indangagaciro y'imibanire myiza igaragara mu gisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi?

**b)** Ese dushingiye ku gisigo cy'ubuse cya Myr Kagame Alegisi hari uruhare ibisigo by'ubuse byagira mu kwigisha indangagaciro y'umuco nyarwanda?

### 1.4. Intego zihariye

**a)** Kugaragaza indangagaciro y'imibanire myiza igaragara mu gisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi.

**b)** Kwerekana uruhare ibisigo by'ubuse byagira mu kwigisha indangagaciro y'umuco nyarwanda hashingiye ku gisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi.

## 2. Gusoma no kujora ibyanditswe mu bushakashatsi bwakozwe bufitanye isano n'insanganyamatsiko

### 2.1. Inyito z'amagambo ubushakashatsi bwubakiyeho

Mu nyito ubushakashatsi bwubakiyeho zisobanurwa harimo: ubusizi, ubuse, ibisigo by'ubuse, indyoheshabirayi. Haribandwa kandi ku buzima bwa Myr Kagame Alegisi nk'umuhanzi wahanze igisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi*.

#### 2.1.1. Ubusizi

Nsanzabera (2018) avuga ko ubusizi bwari bugenewe gusingiza cyane cyane umwami n'abo mu muryango we ndetse n'ingoma Kalinga. Icyo gihe iyi ngoma yari ikimenyetso cy'ubwami. Amateka yerekana ko ubu buvanganzo bwatangiye ku ngoma y'Umwami Ruganzu Ndoli, ahasaga mu mwaka wa 1510. Bwatangijwe na Nyirarumaga wari umugabekazi wa Ruganzu.

Nk'uko kandi Nsanzabera (2018) abisobanura, mu ntangiriro y'ubusizi ikintu gikomeye cyaburangaga ni intondeke icumi cyangwa se makumyabiri. Icyiyongeraho ni uko iyo ntondeke yabaga yerekeye ku mwami. Iyo ngeri y'ubuvanganzo yitwaga "ibinyeto". Nyuma yaho rero ibinyeto byahindutse Ibisigo Nyabami, maze wa mwengekazi w'umusingakazi twavuze haruguru atangira ubwo buryo bushya, bwitwa "ubusizi"; ababukora bakitwa "abasizi".

Burya ngo "umwera uturutse i bukuru ukwira hose"; cyangwa se intero umukuru ateye irikirizwa. Ni uko byagenze rero maze abandi benge bahita bigana Nyirarumaga; maze kuva icyo gihe bahabwa agaciro gakomeye i Bwami kandi i Bwami akaba ari na bo babagenga. Ntibari bagikora cyangwa ngo bavuge ibyo bishakiye. Igihe cyose abantu baharanira kwishyira hamwe. Ni muri urwo rwego rero abasizi na bo bishyize hamwe, bashyiraho gahunda y'uko bazajya batura umwami ibisigo. Nk'uko byavuzweho mbere gato, abasizi nta kindi basabwaga gukora uretse guhimba (Nsanzabera, 2018).

Ubushakashatsi n'amateka bivuga ko umusizi yari umuhimbyi w'ibisigo Nyabami. Uwabihimbaga ni na we wabivugaga i Bwami. Ariko uwabifataga mu mutwe atarabihimbye (na byo byababagaho kandi n'ubu birakorwa, umwe ashobora guhimba umuvugo ukavugwa n'undi) bamwitaga "Umwikirizi". Kwa kwishyira hamwe kw'abasizi twavuze ntikwarangiriraga aho kuko baremaga umutwe w'Abasizi bakagaragira umwami mu mutambagiro kandi bagategekwa n'umutwe wabo bitaga "Intebe y'abasizi".

Ku rundi ruhande na none, uwo mutware wabo yashyirwagaho n'i Bwami, yashoboraga kuba ari umusizi cyangwa atari we. Aha ni ingenzi kwibutsa no gushimangira ko umusizi yari umukozi w'i Bwami kuko atavugaga ibyo yishakiye ku bwe, ahubwo yavugaga ibizwi n'abagomba kubimenya. N'iyo yabaga yatinze kuyoboka Umwami, yahingukanaga igisigo cyo kwihohora no kwitwara neza. Urugero ni nk'igisigo Nyakayonga ka Musare yise Ukwibyara.

Tugana ku musozo w'aka gace ko gusobanura ubusizi n'inkomoko yabwo, twabwira abasomyi ko i Bwami kandi bagenzuraga Abasizi, cyane ku buryo uwabaga yatannyeho gatoya akiha gushyiraho ake yarabiziraga (kimwe n'uwagiraga icyo ahinduraho). Urugero twatanga ni Ruhinda rwa Kwiyahura (umupfumu w'inka), Yuhi Mazimpaka yamushyize ku ngoyi kuko yari azi amabanga y'imandwa, abapfumu n'abiru. Yari yerekanye n'imirwa yagombaga guturwamo n'Abami; Nguruzi ya Karorero mu gisigo cye "Ndi Umuyoboke w'Abami".

### 2.1.2. Ibisigo by'ubuse

Ku ruhande rumwe, Sebera (2008) asobanura ko kuva kera ubuse bwari uburyo bushimishije bwo kuganira. Ikiganiro kikaba ari ikintu cy'ingenzi mu mibereho n'imibanire y'abantu. Umushakashatsi Henson (2015) we yemeza ko ikiganiro kinoza kandi kigakuza umubano mwiza mu bantu. Abivuga mu cyongereza ati "the conversation builds strong relationships among people". Ku rundi ruhande, Bizimana & Kayumba (2010) banditse ko ubuse bwabaga hagati y'abantu babiri cyangwa benshi, bugafatwa nk'umushyikirano w'abase n'abantu bo mu bwoko bamarira baganira. Uwo mushyikirano wabo mu biganiro warangwaga no gushotorana hakazamo no gutukana. Umwihariko w'uko gushotorana cyangwa se gutukana ni uko nta we byarakazaga. Andi makuru yiyongera ku guterana ubuse ni uko umuse yabaga ari umuntu wo mu moko y'abasangwabutaka usimbura nyir'urugo mu mihango imugenewe iyo atabonetse kubera impamvu zitandukanye, umurimo we ukaba uwo gukura ubusame mu bibanza bishya cyangwa kweza abapfushije, n'ibindi.

Sebera (2008) rero atwibutsa ko aha ari ho wasangaga buri bwoko bw'Abanyarwanda bufite umuse wabwo, bakaba badahuje ubwoko. Nk'uko Bizimana & Kayumba (2010) bakomeza babisobanura, umuse yabaga ari umunyamuhango w'abantu badahuje, akaba yarakomokaga mu moko buse y'abasangwabutaka. Muri ayo moko twavuga Abagesera, Abazigaba n'Abasinga. Byakorwaga mu buryo butandukanye kuko wasangaga amoko amwe agira ubwoko bw'abase yihariye, andi agafata ubwoko bw'abase bubonetse bwose. Urugero twavuga ni umuse w'Abanyiginya yari Umuzigaba; uw'Abazigaba n'Abagesera akaba yari Umusinga. Iyo usesenguye rero usanga abase bari bahujwe n'ubuse, bityo ubuse na bwo bugashingira ku mibanire y'amoko.

Birumvikana neza rero ko mu buse umuse n'umuntu wo mu bwoko abera we bakoraga icyo twakwita gusemburana, bikarenga bikagera ku gutukana. Ikidahinduka mu buse ni uko ibyo biboneka nk'ibitusti bihinduka urwenya, ntibibe impamvu yo kurakara. Iyo abase babaga bari kumwe muri kwa kuganira no kuryoshya ikganiro bashoboraga guterana ubuse. Ukaba umwihariko mu muco nyarwanda n'imibanire hagati yabo ko guterana ubuse byababaga ari ugukina no kuganira bifashishije amagambo asa n'asesereza, afatwa nk'ayatera umuntu umujinya. Ibyo guterana ubuse rero bwakorwaga ari ibikino byo kwiganirira, kwiruhura mu mutwe no kwisekereza rubanda rwababaga rubateze amatwi.

Agendeye ku byanditswe na Munyakazi (1986), Sebera (2008) yibutsa ko abase mu biganiro byabo bashingiraga ku mazina y'ibiryo ahuje inteko n'ijambo amabyi. Aha ingero twatanga ni amadegede, amavuta, amashaza, amata, amasaka, amateke, … Izindi ngero twatanga ni nk'iyo umuntu yasanganaga amata uwo abereye umuse, ibiganiro byahitaga bitangira, akagira ati: "Urayanywa?" Cyangwa se yaba amusanganye amashaza akaba yamubaza ati: "Urayarya?" Aha rero ni ho habaga hari izingiro ry'ubuse kuko iyo uwabajiwe yasubizaga ngo arayarya cyangwa arayanywa umuse yahitaga aboneraho impamvu yo kumutuka no kumumwaza ngo ni imbwa y'umusega, impamvu ikaba ko ngo imisega yonyine ari yo ihunahuna ikarigata mu cyavu no mu ibagiro. Yashoboraga no kumwita umurozi, wa wundi ugaburira abe ibitaribwa.

Aho umuco nyarwanda rero ubera mwiza mu gushyigikira ibiganiro no kubana neza ni uko ubwo buse nta we bwateraga uburakazi cyangwa se ngo bumutere ipfunwe. Ahubwo ababyumva byababeraga ibitwenge, bagashimishwa no kumva ubuhanga umuse yakoreshaga mu gutondeka ibitutsi yakoreshaga. Na nyagutera ubuse kandi nta mujinya cyangwa umutima mubi yabigiranaga.

Mu rwego rwo kwirwanaho rero no kwirengera, wasangaga uwabaga azi ko abajijwe n'umuse we yabanzaga gutekereza nyine kugira ngo yirinde gusubiza ko ayanywa cyangwa ayarya, ahubwo agasubiza ko atayanywa cyangwa atayarya. Ntibyarangiriraga aho kuko umuse yarongeraga akamubaza uyangwa, undi na we akamusubiza ko ari nyirazo. Ni nk'aho rero yabaga amushoboye

kuko umuse yahitaga areka ibyo guterana ubuse, ibiganiro byabo bigakomeza mu buryo busanzwe. Muri iyo nzira yo kurengagiza rero ni na ho iyo umuse yabazaga uyarya cyangwa uyanywa, uwabajijwe yashoboraga gusubiza ko ari abatwa, ko ari ay'abatwa. Ariko aramutse avuze ko ari aye, ko ari we uyanywa cyangwa uyarya, umuse nta kindi yakoraga uretse kuyaterura akayijyanira, undi agasigara amanjiriwe. Muri ya mibanire myiza no kumenya kuganira, ntiyashoboraga kuyamwima, kuyamwishyuza cyangwa ngo amutere hejuru. Iyi rero ni yo mpamvu abantu bahoraga bigengesereye mu gusubiza amagambo y'umuse (Sebera, 2008).

Ku rubuga rwe, Sebera (2008) yanditse ko hahozeho n'ubundi buryo bwo guterana ubuse bwari busangiwe na bose. Aho butandukaniye na buriya twahoze tuvugaho ni uko ubu bwo bwaheraga mu magambo gusa, mbese nta kintu bwunguraga umuse. Urugero twatanga ni amagambo babwiraga umuntu iyo yabaga yitsamuye. Ubusanzwe uwitsamuye baramubwira bati "Urakire"; na we agasubiza ati: "Twese". Nyamara mu guterana ubuse si ko byabaga bimeze, ahubwo umuse yashoboraga gukoresha imvugo zikurukira:

«Urakire maze ukirane imbavu»
«Urakire ukize ruseke usekanyuze imbwa umutsima»
«Urakire udakize nta wagukira»
«Urabigarure uhindukire ubirye»
«Guswu guswu nka sogokuru»

Ku kibazo cyo kwibaza ukuntu Myr Kagame Alegisi yateye ubuse abantu bakomeye mu buyobozi bw'igihugu ariko bikaba nta n'umwe byarakaje, we ubwe yasobanuye ko ibyo yakoraga bitari ku rwego rwo gusebanya kubera ko icyabaga kigamijwe ari inganzo yo gusetsa, yo kumara irugu abantu. Ari ababyumva, ari abatware bavugwamo, bose barabyumvaga bagaseka nta bundi burakazi bubayeho (Kagame, 1997). Ibi rero bigashimangira ko ibisigo by'ubuse usanga ari inganzo igamije gusetsa. Urebye neza birenga ibisetso bikaba nko gusebanya. Ibi rero bishobora kuba byaratozwaga mu matorero y'intore yafashaga abantu kwiga no kwitoza kuvuga neza, hakazamo gucyocyorana ntihagire urakara. Uwagiraga uburakari yitwaga igifuza cyangwa umunyamusozi utazi kuganira no kubana n'abandi.

### 2.1.3. Indyoheshabirayi

Kagame (1997) atubwira ko agatabo *Indyoheshabirayi* kahimbwe mu myaka ya 1941-1942 ariko igatangazwa bwa mbere muri 1949. Avuga ko abantu benshi bakumvise maze bakomeza kukamwishyuza. Abonye ko abisabwe na benshi rero afata umwanzuro wo kugakorera icapwa rya kabiri.

Kagame (1997) yongeraho ko *Indyohesha-birayi* atari ryo zina yakoresheje ku ikubitiro. We yari yarahisemo *Izina ry'Ingurube*, agendeye ku umugendo w'Amazina y'Inka kuko Izina ry'Inka ryabaga ari umuzinge, bisobanura ko risatuwemo imivugo myinshi, kandi iyo mivugo yose isozwa n'ibango rimwe rukumbi rikomeza kwisubiramo cyangwa kugaruka kenshi aho buri mukarago urangirira. Uwo mukarago wisubiramo ukitwa impakanizi y'umuzinge. Mu Izina ry'Ingurube uwagarukaga kesnhi ni Indyohesha-birayi. Biba intandaro gutangaza agatabo gafite izina cyangwa umutwe: *Indyoheshabirayi*.

Igisigo cy'ubuse rero *Indyoheshabirayi* kikaba kigizwe n'imivugo umunani igizwe n'imikarago 1045. Iyo mivugo ikaba ari iyi ikurikira:

**I.** Ingurube iyoborwa n'abashumba bo mu Ngeyo
**II.** Ingurube ikangaranya Abashumba bo mu Muhozi

- **III.** Majoro ayaka Abasilimu; na bo bayirega Abanyamishanana; hanyuma Ildefonsi Mutembe ayiranga kwa Bitugangando, mu Nyakibanda
- **IV.** Urugendo rw'iyo Ngurube, kuva i Butare kugera i Nyanza: ibambira umuhanda, imodoka zibura inzira
- **V.** Urugendo rw'iyo ngurube kuva i Nyanza kugera i Kabgayi: bakeka ko ari imvura; uwahoze mu Buganda yemeza ko ari itanki irwanishwa mu ntambara
- **VI.** Urugendo rw'iyo Ngurube, kuva i Kabgayi kugera i Kigali; itesha Abatware imirimo bagenda bayihatsweho
- **VII.** Igeze i Kigali mu birori irabitegurirwa: Umwami n'Abatware bayikikiriza ku meza hamwe na Bwana Rezida
- **VIII.** Ibisingizo by'iyo ngurube isuzuguza ibiribwa bindi

Mu gusoza iki gice, twashimangira ko ubu bushakashatsi ari ngombwa ko bukorwa kubera ko uyu murimo w'ubushakashatsi bushingiye ku busizi n'ubuhanzi, umushakashatsi agamije gusangiza ubunararibonye bwe n'ubumenyi ku bazasoma ubushakashatsi yakoze yifashishije ihange ryo mu bushakatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu (Mukama & Nkusi, 2019). Ikigamijwe ni ukuziba icyuho mu kumenyekanisha abahanzi nyarwanda n'ibihangano byabo hashingiwe ku bumenyi bukubiye muri ibyo bihangano. Uyu murimo rero ukaba ugamije kwerekana uburyo umuhanzi Myr Kagame Alegisi, mu gisigo cy'*Indyoheshabirayi* yakoreshaga amagambo atera ubuse abayobozi bariho mu gihe icyo gisigo cyandikwaga, aho agerageza kubereka ukuntu basebyaga itungo ry'ingurube kandi barakundaga kuyirya. Aha bakaba bagaragaza ishusho nyayo y'itungo ry'ingurube n'uburyo yaryoheraga abatware bo muri ibyo bihe mu gihe kandi bayisebyaga. Mu buryo bwagutse, ubu bushakashatsi buzatuma abashakashatsi bunguka byinshi ku bigendanye n'uburyo bw'imisesengurire y'ibisigo by'ubuse. Ikindi umuntu yavuga ni uko, kimwe n'Ikirundi gihabwa umwanya muto ugereranyije n'igifaransa n'icyongereza (Havyarimana, 2023), kugeza ubu ubushakashatsi bukorwa mu Kinyarwanda butaritabirwa cyane.

## 3. Uburyo n'inzira byifashishijwe mu gukora bushakashatsi

Uyu mutwe urerekana uburyo bwifashishijwe mu bushakashatsi, kugira ngo tugere ku ntego twihaye. Muri uyu mutwe rero tugaragaza uburyo n'inzira zitandukanye zakoreshejwe ndetse n'uburyo twakoresheje umunozo, ikeshamvugo rigereranya, isesengurantego, isesenguransobeke, uruvugano, isesengurangingo, isesengurambaga, isesenguriramatwara, n'isesengurahantu nk'uburyo budufasha mu ijoramyandiko ahanini hagamijwe kugaragaza akamaro k'ibisigo by'ubuse mu muco nyarwanda.

### 3.1. Umunozo

Nk'uko Benveniste (1966) abisobanura, umunozo bisobanura gushyira mu bikorwa ibyo ururimi ruduha hakurikijwe inzira yahiswemo. Na ho Marouzeau (1949) avuga ko ari imyifatire uvuga ururimi uru n'uru agira avuga cyangwa yandika.

Nkejabahizi (2018) we abona ko iryo jambo ryahinduye inyito ryari risanganywe rikareka gusa kuba ubugeni bw'umwanditsi ahubwo rikavuga ikintu cyose kijyanye n'ikeshamvugo umuntu yigirira ubwe kigaragazwa n'umwihariko we, umunozo rero kuri we ni ryo riranga cyangwa rigize umuntu.

Muri ubu bushakashatsi, turagaragaza uburyo Myr Kagame Alegisi mu gisigo cye cy'ubuse *Indyoheshabirayi* yagiye agaragaza uburyo itungo ry'ingurube abantu barisebyaga kubera umwanda

waryo n'isura yaryo, nyamara bagakunda inyama zayo. Ari ho abo yavugagamo nta we byarakaje kubera ko ubuse ari kimwe mu biranga umunyarwanda utari igifura.

**3.2. Ikeshamvugo rigereranya**

Kuri Nkejabahizi (2018), iri sesengura ryiga imihurire cyangwa itandukaniro mu guhuza ururimi uru n'uru cyangwa ikarutandukanya n'uburyo indimi bifitanye isano zivuga igitekerezo. Aha mu bushakashatsi bwacu turagerageza kugaragaza uburyo Myr Kagame Alegisi mu gisigo cy*e Indyoheshabirayi* agerageza gukoresha amagambo y'ikinyarwanda ahanini agamije kwerekana inyito zayo nshya mu rwego rwo kongerera ubushobozi ururimi rw'ikinyarwanda.

**3.3. Isesengurantego**

Isesengurantego n'isesenguramisusire kuko usanga ryifashisha amahame y'iyigandimi mu gusesengura inyandiko nk'uko Roman (1980) abisobanura. Uyu mwanditsi kandi anavuga ko mu isesengurantego hibandwa ku bigaragara inyuma rigashingira ku myubakire y'interuro n'impamvu aybyo.

Muri ubu bushakashatsi, tuzagaragaza uburyo umuhanzi Myr Kagame Alegisi yagerageje gukoresha imvugo ya gisizi areba uburyo ikivugwa (ingurube) ivugwa mu gisigo *Indyoheshabirayi* yagiye iteshwa agaciro nyamara abayiteshaga agaciro bakaba baragiraga ngo bayibuze abandi ahubwo abe ari bo bayirira bonyine. Ibi gigaragaza uburyo inkuru yagiye ibarwa kuva ku mukarago wa mbere kugera ku mukarago wa nyuma ari na ho ubuse bugaragarira.

**3.4. Isesenguransobeke**

Mu isesenguransobeke ari na ryo twakwita isesenguramiterere ryimbitse, umusesenguzi yibanda ku gingo fatizo inyandiko cyangwa inkuru igarukaho. Turebeye kuri Nkejabahizi (2018), insobeke ifatwa nk'urujyano (système/system). Urwo rujyano rukaba rukora rukurikije amategeko y'ubwuzuzwe (ikintu kirangiye); ubwuzuzanye n'ubufatanye (ikintu kigira icyo gikora ku kindi); kwibogora (ibintu bikisubiza mu mwanya) no guhinduka (ikintu kitari intayega); uburutanwe no kwigumamo (ikintu kikagirwa n'amategeko yacyo bwite). Icy'ingenzi aha mu nsobeke si akantu kamwe ukwako cyangwa se kureba byose icyarimwe, ahubwo ni amasomo ingingo zifitanye.

Muri ubu bushakashatsi twibanze ku nyigisho, ingingo z'ingenzi ziri mu gisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi hagamijwe kwerekana akamaro k'ibisigo by'ubuse mu muco nyarwanda.

**3.5. Isesengurangingo**

Iyo avuga ku isesengurangingo, Nkejabahizi (2018) avuga ko muri ubwo buryo umusesenguzi ntafata inyandiko uko yakabaye, ni ukuvuga igizwe n'amagambo cyangwa interuro n'uburyo bikozwe hamwe n'icyo bihatse; ahubwo we yirebera gusa icyo ayo magambo cyangwa interuro byifitemo cyangwa bihishe; ni ukuvuga ubutumwa bibundikiye.

Nkejabahizi (2018) yibutsa ko inyandiko n'ibice byayo ari nk'agaseke cyangwa isanduku, igipfunyika cyangwa ikarito zifunze; noneho umurimo w'umushakashatsi ukaba uwo gufungura areba ikirimo; nyamara kugitahura na cyo akabona kukitegereza areba amabara yacyo. Ashobora no gusanga harimo ibintu by'amoko anyuranye. Iyo amaze kubishyira hanze, arabyerekana n'ingano yabyo n'urugero rwabyo. Hari igihe ariko ahitamo kimwe yigombye akaba ari cyo atindaho bitewe n'uko kiganje, kigezweho cyangwa se ari cyo yikundiye. Aba bongeraho ko mu buvanganzo

nyarwanda hari imirimo myinshi y'isesengura yahisemo iyo nzira, haba muri rusange cyangwa se bibanda ku ngingo iyi n'iyi.

Ubushakashatsi bwacu rero bwibanze ku kamaro ibisigo by'ubuse bifitiye umuco nyarwanda. Aha tukaba twibanda ku gisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi kuko bigaragaza ko ubuse bubumbatiye umuco nyarwanda koko nta gushidikanya.

**3.6. Isesengurirambaga**

Mu isesengurirambaga bagendera ku gitekerezo ko ubuvanganzo bufitanye isano n'urubumbambaga rw'umuhanzi n'abasomyi be. Urwo rubumbambaga rukagira uko rugaragara, ruvugwa, rushushanywa mu buvanganzo; kandi bwa buvanganzo na bwo bukagira uruhare mu myumvire y'ababwakira (Laforgue, 1881).

Nk'uko kandi akomeza abivuga usesengura agenda agereranya urubumbambaga ruvugwa mu nkuru n'urwo we atuyemo cyangwa urwo mu gihe uwanditse inkuru yabayemo. Ni ho haturutse imvugo ngo "ubuvanganzo ni indorerwamo y'urubumbambaga".

Muri ubu bushakashatsi, kugira ngo tumenye akamaro k'ibisigo by'ubuse mu muco nyarwanda; twagerageje guhuza ibyo umuhanzi Myr Kagame Alegisi avuga ko agatabo ke yabanje kugaha abandi ngo bagasome. Icyo gihe abenshi barakandukuye kubera kugakunda ndetse aba ari na bo bagaha izina. Ubu tukaba tugakoraho ubushakashatsi tureba impamvu yatumye bagakunda ndetse n'uburyo kagiye gafasha abanyarwanda mu muco wabo ahanini biyungura amagambo mashya ndetse banita ahanini ku mvugo z'ubuse zikagize.

**3.7. Uruvugano**

Nk'uko Bakhtine (1978) abisobanura, kuri we ikivugwa n'inyandiko ntikigenwa gusa n'uwanditse, ahubwo kinatangwa n'uyisoma; na bwo kandi kikaba cyahindagurika bitewe n'aho ayisomeye, uko yari amerewe igihe yasomaga. Ni byo yita "chronotope"; agatsindagira ko inyandiko ari ikintu cyavuzwe, kivugiye aha n'aha, kivuzwe na runaka umerewe atya kandi gihuriweho na benshi. Urwo ruhererekane rw'imvugo n'ibitekerezo rutuma mu nyandiko habamo amajwi menshi anyuranamo: umuhanzi aganira n'abakinankuru cyane cyane inyarubuga, abakinankuru bakaganira hagati yabo, umuhanzi akaganira n'umusomyi na we uhinduka umukinankuru. Ni aho agaragariza ko inyandiko ifata isura y'imibereho isanzwe ya muntu irangwa no kuba uruvangavange rw'ibibi n'ibyiza, hakabamo ibivuguruzanya cyangwa bishyamiranye. Rimwe uba ukanuye, ubundi ugatwarwa n'ibitotsi. Rimwe unyurwa na duke ubundi ukavutura cyangwa ugasinda, rimwe ubwenge bujya ku gihe ubundi bukivanga ukamera nk' umusazi, ubuzima bugaturana n'urupfu. Mu yandi magambo, ntibigenda umujyo umwe kuko inyarubuga ivugirwamo n'ayo majwi yose. Ku bwa Bakhtine, umukinankuru abeshwaho n'umusomyi utuma avuga, bityo akanabeshwaho n'ijambo. Urwo ruvugano (dialogisme /dialogism) ruzanitwa ijyáaniishamájwi (polyphonie/polyphony) kuko mu nyandiko bavugamo abato n'abakuru, abariho n'abapfuye, abakomeye n'abahanya, abafite uburanga n'abasa ukwabo. Buri mukinankuru aba afite imyumvire ye. Inyandiko ikubakwa n'urwo ruvangitirane rw'ibintu ubundi bitagobye kujyana.

**3.8. Isesenguramatwara**

Nkejabahizi (2018) asobanura ko igihangano mvanganzo gisa n'ikibereyeho gukangurira abantu kumva iby'ubwo busumbane n'akarengane kagirirwa abaciye bugufi, kikabatumirira kugira icyo bakora ngo ibintu bihinduke.

Kuri Sartre (1948), umunyafilozofiya w'umufaransa, ubuvanganzo bwagombye gutuma abantu bakanguka kugira ngo bahindure, bavugurure ibintu. Muri make, isesenguramatwara rifite akarusho ko kwita ku buryo ahantu, impamvu n'ukuntu inyandiko runaka yahanzwe kimwe no gusoma mu nyandiko iby'ubusumbane, gukandamizwa n'ibindi. Mu muvugo *Indyoheshabirayi* Myr Kagame Alegisi yerekana rwose ko azi neza imiyoborere y'u Rwanda yariho icyo gihe aho agaragaza amazina y'abatware ndetse na teritwari zari zigize u Rwanda muri icyo gihe. Nta gushidikanya rwose n'ubwo ari igisigo cy'ubuse ari ko gifite ibyo gishingiraho ari yo mpamvu twagaragaje aho hantu hose iryo tungo ry'ingurube ryagiye rinyura n'uburyo ryafatwaga.

### 3.9. Isesengurahantu

Mu buvanganzo rero ahantu havugwa hashobora kuba hasanzwe hariho cyangwa ari ahahimbano. Nyamara n'ubwo haba hasanzweho, uko havugwa mu nyandiko bihaha indi sura bitewe n'uko umwanditsi abyumva, akaba yahavuga ku buryo butandukanye n'undi cyangwa akahitirira ibindi hatigeze hagira. Inkuru ntibereyeho kuranga ahantu nk'uko ikarita yabugenewe ibyerekana (Nkejabahizi, 2018). Mu bushakashatsi hari ahantu havugwa ingurube yagiye inyura, ndetse kuhamenya neza hari ibigenda biyivugwaho bidasanzwe ari na byo bitanga isura y'aho hantu kuko rwose Myr Kagame Alegisi abisobanura.

## 4. Ibyavuye mu bushakashatsi

Uyu mutwe urerekana amakuru yavuye mu bushakashatsi n'isesengura ryayo. Kugira ngo isesengura rirusheho gusobanuka neza, ibyavuye mu bushakashatsi byakusanyirijwe ndetse bibumbirwa mu bice bitandukanye rero hibanzwe cyane cyane ku isesengurantego, isesenguransobeke, uruvugano, isesengurangingo, isesengurirambaga, isesenguramatwara, isesengurahantu n'isesenguramvuganizi nk'uburyo bwadufashije mu ijoramyandiko ahanini hagamijwe kugaragaza akamaro k'ibisigo by'ubuse mu muco nyarwanda. Aha kandi tukaba twarakoresheje umuvugo wa mbere ariko mu isesengurangingo tukaba twarasesenguye imivugo yose uko ari umunani (8), hagamijwe kwerekana akamaro k'ubuse mu muco nyarwanda.

### 4.1. Isesengurangingo mu gisigo *Indyoheshabirayi*

Iki gisigo kigizwe n'imivugo umunani. Muri iyi mivugo yose haravugwamo itungo ry'ingurube. Muri make iri tungo rigaragara ko nta ngeso nziza zirigaragaraho kandi umwanda ni wo uriranga. Nyamara abatware barisebyaga kandi ari bo bakundaga inyama zaryo. Tugiye rero gusobanura ingingo z'ingenzi zigize iki gisigo tugenda umuvugo ku wundi.

Mbere yo gusesengura igisigo *Indyoheshabirayi*, byabaye ngombwa ko twerekana imivugo igize icyo gisigo maze tugenda dusobanura ingingo zikubiye muri buri muvugo.

#### 4.1.1. Umuvugo wa mbere: Ingurube iyobokwa n'abashumba bo mu Ngeyo

Muri uyu muvugo ugizwe n'imikarago 80 ugaragaza uburyo itungo ry'ingurube rikunda isayo, ubuzima bwayo aho bavuga ko yikundira kwivuruguta mu mazi ndetse ikaba ikunda ibijumba. Aha kandi Myr Kagame Alegisi avuga ko ingurube igira agasuzuguro kuko nta we ushobora kuyicyura itabishaka. Muri uyu muvugo bigaragara ko bigenda biganisha ku buse kubera ko imico mibi yayo bayivugaho bitababuza gukunda inyama zayo. Kandi koko na n'ubu kugira ngo ikundwe cyane mu Rwanda yahinduriwe izina aho isigaye yitwa "Akabenzi". Umutwe w'inka wari utunzwe n'ingabo z'Uruyange witwaga "Ingeyo". Abo bashumba rero ni bo bayiyoboye; bayereka inzira (Kagame, 1997).

#### 4.1.2. Umuvugo wa kabiri: Ingurube ikangaranya abashumba bo mu Muhozi

Muri uyu muvugo ugizwe n'imikarago 150, Myr Kagame Alegisi akomeza arata ubwiza bwayo asaba ko ryafatwa nk'andi matungo aho kurisebya no kurisuzugura. Akomeza kandi yerekana ingurube itengura imirima ku mugoroba ishakamo ibijumba. Aha kandi yerakana ko ingurube igira n'imico myiza aho yasabaga abantu kwitonda ngo itabacaho inka basanganywe. Tubisanga ku mukarago wa 88 (Kagame, 1997).

#### 4.1.3. Umuvugo wa gatatu: Majoro ayaka Abasilimu; na bo bayirega Abanyamishanana; hanyuma Ildefonsi Mutembe ayiranga kwa Bitugangando, mu Nyakibanda

Nk'uko bigaragara muri uyu muvugo ugizwe n'imikarago 275, bigaragarira abashakashatsi ko ingurube ikundwa n'abasirimu. Aha bigaragarira ku mukarago w'165-174 aho abasirimu bakuramo amakote n'imishanana kubera kuyikunda. Ubuse rero n'ubwo butagaragara muri uyu muvugo neza ariko uhereye mu muvugo wa mbere wawusangamo kuko nta kuntu itungo rigira imico nk'iyavuzwe haruguru ryatuma abantu cyane cyane b'abasirimu bakura amakote (Kagame, 1997).

#### 4.1.4. Umuvugo wa kane: Urugendo rw'iyo ngurube, kuva i Butare kugera i Nyanza: ibambira umuhanda, imodoka zibura inzira

Nk'uko mu yindi mivugo babyerekana, iyi ngurube yakomeje urugendo rwayo igana i Nyanza ariko muri urwo rugendo, yagendaga itangarirwa n'abantu benshi kandi n'imodoka zarahagaze kubera kubura inzira zinyuramo. Uyu muvugo ukaba ugizwe n'imikarago 350, aho kandi bavuga ko yazibye umuhanda nko ku mukarago wa 358 aho hagaragaramo ko imodoka zabuze akayira kubera ubunini bwayo amakote (Kagame, 1997).

#### 4.1.5. Umuvugo wa gatanu: Urugendo rw'iyo ngurube kuva i Nyanza kugera i Kabgayi: bakeka ko ari imvura; uwahoze mu Buganda yemeza ko ari itanki irwanishwa mu ntambara

Uyu muvugo ugizwe n'imikarago 490 aho Myr Kagame Alegisi agaragaza ko kuva i Nyanza kugera i Kabgayi abantu bagendaga batangarira ubunini bwayo bayitiranya n'itanki ibi bigaragara ku mukarago wa 460 kugeza ku wa 465. Bakomeza barata kandi uburyohe bwayo aho bavuga ko umufa wayo bawunywesha ibijumba cyangwa bakawuminjira mu bindi biryo (umukarago wa 475-480) amakote (Kagame, 1997).

#### 4.1.6. Umuvugo wa gatandatu: Urugendo rw'iyo ngurube, kuva i Kabgayi kugera i Kigali; itesha Abatware imirimo bagenda bayihatsweho

Uyu muvugo ugaragaza ko uburyo bwo kuvana ingurube i Kabgayi aho abatware basabaga ibaruwa yo kujyana iyo ngurube i Kigali ibi bigaragara ku mukarago wa 500-505 (Kagame, 1997). Bagaragaza kandi uburyo abari i Nyanza binginze uwo mutware kubajyana mu birori by'iyo ngurube i Kigali atekereza ko nibajyana abayitubirije umugabane nk'uko bigaragara mu mukarago wa 535-544 amakote (Kagame, 1997).

#### 4.1.7. Umuvugo wa karindwi: Igeze i Kigali mu birori irabitegurirwa: Umwami n'Abatware bayikikiriza ku meza hamwe na Bwana Rezida

Uyu muvugo ugizwe n'imikarago 995, urerekana ubusambo bwa bamwe mu batware nk'uko imikarago imwe n'imwe ibyerekana. Umuhanzi kandi anagaragaza uburyo bamwe na bamwe bashakaga amasahani ariho intongo nyishi nk'uko bigaragara kuva ku mukarago wa 690 kugera kuwa 745. Uyu muvugo kandi ugaragaza ubusambo bw'abo batware bwatumye inyama zibaniga

nk'uko bigaragara ku mukarago wa 760 kugera kuwa 775. Muri uyu muvugo kandi Myr Kagame Alegisi agaragaza uburyohe bw'izo nyama aho ku mukarago wa 910 agira ati:

Ati: "Ni cyo cyatumye ndondereza!
Mbanza intongo ipfa nkaritsirika,
Igihe ngiteganya iz'imihore!
Bose bamara kurya ibyabo,
Nkabanokeshwa nkayikuza!"
Amiragura nka gatanu Kamali
Aheta umushyishyito nyamunini
Yari yabikiye kwikuza!

(Kagame, 1977: 7)

Bigaragaza ko kubera uburyohe bwayo bayiryaga nyuma aribyo kuyikuza.

#### 4.1.8. Umuvugo wa munani: Ibisingizo by'iyo ngurube isuzuguza ibiribwa bindi

Uyu muvugo wa VIII ari na wo usoza, umusizi asoza asingiza cyangwa arata ubwiza bw'iyo ngurube cyane cyane yibanda ku isubirajwi nk'uko bigaragara ku mukarago w'1010 n'uw'1015 amakote (Kagame, 1997).

**Urugero rw'isubirajwi:**

Ni rutsirika bubihe
Ikabutsura ikabutsinda,
Ikabutsemba ikabubumba!
Ni rubumba batetsi
Rwikunda ku mbehe,
Rwiganza ku myunyu

(Kagame, 1977: 41)

Kuri buri muvugo kandi w'iki gisigo *Indyoheshabirayi* hagaragaramo impakanizi y'iri zina ry'ingurube ariyo *Indyoheshabirayi*.

### 5. Uruhare rw'uyu murimo mu ruhando rw'ubushakashatsi

Iyi nyigo yatweretse ko inganzo y'ibisigo by'ubuse irambye mu banyarwanda akaba ari iya kera mu muco nyarwanda kandi ikaba ifitiye akamaro kanini Abanyawanda kandi yigishijwe neza yafasha Abanyarwanda ndetse n'urubyiruko muri rusange. Aha umuntu yakwibaza ukuntu Myr Kagame Alegisi yatangiye asebya ingurube nyamara akarangiza ayigaburira abatware.

Uyu murimo wacu mu miterere yawo n'igihe dufite ntabwo twavuga ko twavuye imuzi n'imuzingo ibyakorwa byose ngo ibisigo by'ubuse bihabwe agaciro kandi byongere bihangwe. Ni yo mpamvu duhamagarira ababishoboye bose kandi bashishikajwe n'uko iyi nganzo itazimira kunganira uyu murimo wacu bagakomeza gukora ubushakashatsi ku bisigo by'ubuse mu bindi byerekezo.

### 6. Icyo uyu murimo udushishikariza gukora

Mu gusoza twasabaga ko amashuri yisumbuye na kaminuza yo mu Rwanda yakora ibishoboka byose agashaka ibitabo bihagije kandi by'ingeri zitandukanye by'Ikinyarwanda kugira ngo abanyeshuri babone ibyo kwifashisha mu bushakashatsi bwabo ariko cyane cyane ibivuga ku buvanganzo n'ibisigo by'ubuse muri rusange. Turizera kandi ko ubu bushakashatsi buzafasha

abarimu bigisha Ikinyarwanda, ubuvanganzo by'umwihariko n'abanyeshuri ndetse n'abandi bose babyifuza kurushaho gusobanukirwa no kunogerwa n'ibisigo by'ubuse. Bazasobanukirwa kandi n'izindi nganzo za kera zifitanye isano n'iyi. Muri uyu murimo, turizera ko uzakomeza kugenda ukosorwa kandi utezwa imbere n'abandi bashakashatsi bazadukurikira cyane cyane abazashaka gukora ku bisigo by'ubuse.

**7. Umwanzuro**

Ku musozo w'uyu murimo hagenderewe kugaragaza inshamake y'ibyavuye mu bushakashatsi n'umwanzuro watanzwe. Umushakashatsi aratanga kandi ibyifuzo kugira ngo ubusizi n'ubuhanzi byitabweho mu Rwanda by'umwihariko ibihangano. Ubusizi bw'Abanyarwanda hagambiriwe (hagamijwe) kwimakaza umuco nyarwanda.

Ubushakashatsi ku kamaro k'ibisigo by'ubuse bya Myr Kagame Alegisi mu kwimakaza umuco nyarwanda bwari bufite intego rusange igamije kureba uruhare ubusizi bwa Myr Kagame Alegisi bufite mu kwimakaza umuco nyarwanda mu rubumbambaga nyarwanda.

Kugira ngo ibigamijwe mu bushakashatsi bibe bifite ireme, mu bushakashatsi twibanze ku gisigo cy'*Indyoheshabirayi*. Ibyavuye mu bushakashatsi byagaragajwe hakurikijwe intego zari zigenderewe. Ku ntego ya mbere yari igendereye kugaragaza indangagaciro y'imibanire myiza igaragara mu gisigo cy'ubuse *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi kuri iyi ntego mu isesengura ry'igisigo cyibanzweho, hagaragaramo ko koko ubusizi bwa Myr Kagame Alegisi bufite uruhare mu kwimakaza indangagaciro y'imibanire myiza mu rubumbambaga nyarwanda.

Mu bihangano bya Myr Kagame Alegisi harimo ibihangano byinshi bigaragaza indangagaciro y'imibanire byigisha kutagira ubusambo, kumenya kubana n'abandi, urugero: Babyirukanye ingoga mu gutamira, Baryohewe ubudasigaza.

Intego ya kabiri yari igendereye kwerekana uruhare ibisigo by'ubuse byagira mu kwigisha indangagaciro y'umuco nyarwanda hashingiye ku gisigo cy'ubuse cya Myr Kagame Alegisi. Muri iyi ntego abashakashatsi bagerageje kugaragaza uruhare ibisigo by'ubuse byagira mu kwigisha indangagaciro y'umuco nyarwanda.

Ibi bikaba bigaragara mu gisigo *Indyoheshabirayi* aho bigaragazwa ko Myr Kagame Alegisi yanditse igisigo kirekire gifite imivugo umunani yagendaga agaragazamo uburyo bamwe mu batware bagiraga ubusambo mu kurya. Ibyo byose umusizi yagaragazaga ntibyigeze bibamuteranyaho kuko ibisigo by'ubuse bari bamaze kubimenyera kuko mbere y'aho yaramaze gushyira hanze igisigo cyitwa "Baryohewe ubudasigaza", ibyo rero byatumye abatware n'abandi bakomeye batarakazwa n'ibyo yababwiraga ahubwo barabyumvaga bakabikuramo inyigisho kandi bakabifata nk'uburyo bwo gusetsa, gutebya ndetse bikarenga bikaba nk'ibitutsi ariko bitagira uwo birakaza.

Kuri iyi ntego na ho hashakishijwe ibyifuzo maze bigaragara ko hagarurwa gahunda yo kwigisha ibisigo by'ubuse mu rubumbambaga nyarwanda.

Ku musozo w'iki gika tukaba dusaba ko mu bitabo n'izindi mbwirwaruhame hakongerwaho ibisigo bya Myr Kagame Alegisi kugira ngo byigishwe Abanyarwanda mu byiciro binyuranye.

Kugira ngo izo ntego tubashe kuzigeraho neza twifashishije uburyo bw'ijora n'isesenguranyandiko butandukanye harimo umunozo, ikeshamvugo rigereranya, isesengurantego, isesenguransobeke, isesengurangingo, isesengurirambaga, isesenguramatwara, uruvugano n'isesengurahantu. Ibi byatumye tugera ku murimo wubakiye ku mitwe itatu y'ingenzi: Uwa mbere ni ubushakashatsi bundi bwakozwe ku nsanganyamatsiko y'ubu bushakashatsi. Na ho umutwe wa kabiri uvuga uburyo n'inzira byakoreshejwe mu isesengura ry'indundo. Umutwe wa gatatu ari wo

wa nyuma ni isesengura ryimbitse ry'indundo aho twagaragaje imivugo umunani igize igisigo *Indyoheshabirayi* cya Myr Kagame Alegisi kigaragaramo indangagaciro y'imibanire no kwigisha indangagaciro y'umuco nyarwanda.

Mu kurangiza, ntitwakwemeza ko twavuze ibigomba kuvugwa byose kuri iyi nsanganyamatsiko no kuri iyi ndundo. Bityo turahamagarira abandi bashakashatsi kutwuzuza ku birebana n'uyu musizi w'inararibonye mu Rwanda.

## 8. Gushimira

Mu kurangiza uyu murimo, ndashimira umufasha wanjye, Claudine Mutuyimana, wampaye ibitekerezo byiza muri ubu bushakashatsi; ndashimira abana banjye, Sage Bérénice Shimirwa na Serge Bernus Shimirwa, bakomeje kuntera akanyamuneza igihe nakoraga uyu murimo. Ndashimira kandi Dr. Emmanuel Nsengiyumva udahwema kubana nanjye mu mirimo y'ubushakashatsi. Abakosoye uyu murimo bose ndabashimiye hamwe n'abawutangaje ukagera ku basomyi benshi.

## Indangasoko

1. Bakhtine, M. (1978). *Esthétique et théorie du roman.* Paris: Gallimard.
2. Benveniste, E. (1966). *Analyse linguistique*. Editions de Minuit.
3. Bizimana, S. & Kayumba, C. (2010). *Inkoranya y'ikinyarwanda iciriritse*. Butare: IRST.
4. Havyarimana, E. (2023). Uenezi na Changamoto za Kiswahili Nchini Burundi. *Journal of Indigenous Languages*, 1, (1), 31-44.
5. Henson, K. T. (2015). *Curriculum planning: Integrating multiculturalism, constructivism, and education reform* (5th ed.). Long Grove, IL: Waveland Press.
6. Kagame, A. (1977). *Indyoheshabirayi.* (2nd ed.). Butare.
7. Laforgue, J. (1881). *La Sœur de Pierrot*. Alphonse Lemerre.
8. Marouzeau, J. (1949). *Quelques aspects de la formation du latin littéraire.* Paris: Éditions Klincksieck.
9. Mukama, E., & Nkusi, L. (2019). *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu*. African Minds.
10. Nkejabahizi, J. C. (2018). *Isesenguranyandiko n'ijoranganzo mu Kinyarwanda*. Eds of University of Rwanda.
11. Nsanzabera, J. D. (2018). Inkomoko y'ibisigo by'ibyuma mu mateka y'Ubusizi nyarwanda. Retrieved from https://mobile.igihe.com/umuco/article/inkomoko-y-ibisigo-by-ibyuma-mu-mateka-y-ubusizi-nyarwanda.
12. Roman, J. (1980). *The Framework of Language.* Michigan Slavic Publications.
13. Sartre, J. P. (1948). *Qu'est-ce que la literature?* Gallimard.
14. Sebera, T. (2008). Guterana ubuse. Retrieved from http://wikirwanda.blogspot.com/2008/05/guterana-ubuse.html

Copyright © 2024: by the author/s.This article is licensed and distributed under an Attribution-NonCommercial-ShareAlike 4.0 International (CC BY-NC-SA 4.0)